INYANDIKOMVUGO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 25 MUTARAMA 2015.

Ku Cyumweru tariki ya 25 Mutarama 2015, mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Nyamagabe "Innovation Center" hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe.

Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana ZINARIZIMA Diogène amaze gusuzuma ko umubare wa ngombwa ugenwa n'itegeko (nibura 2/3 by'abagize Inama Njyanama y'Akarere) wuzuye; yatangije inama aranayiyobora.

Inama yitabiriwe n'Abajyanama 23 kuri 31 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe. Inama yitabiriwe kandi na bamwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda ari bo:

- Senateri NIYONGANA Gallican
- Depite NYANDWI Joseph Desiré
- Depite NYIRARUKUNDO Ignatienne

Inama yari yanatumiwemo kandi yitabirwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, abakozi bahagarariye serivisi zikorera mu Karere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'abakuriye serivisi zikorera mu Karere.

Umuyobozi w'Inama yibukije abitabiriye inama ingingo ziteganyijwe ku murongo w'ibyigwa ari zo zikurikira:

1. Kwemeza inyandikomvugo y' inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe yateranye tariki ya 26 Ukwakira 2014.
2. Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Nyamagabe y'umwaka wa 2014-2015.
3. Kwemeza imbonerahamwe nshya y'imyanya y'imirimo no kwemeza bamwe mu bakozi b'Akarere ka Nyamagabe.

Umuyobozi w'Inama Njyanama amaze kwibutsa abayitabiriye ibiri ku murongo w'ibyigwa, yanabibukije ko inama idasanzwe y'Inama Njyanama nta kindi yiga uretse ibiri ku murongo w'ibyigwa maze biga ingingo ku yindi nk'uko ziteganyijwe ku murongo w'ibyigwa.

I. KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 26 UKWAKIRA 2015.

Inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe yateranye ku wa 26 Ukwakira 2014, imaze gusomwa mu ruhame no gukorerwa ubugororangingo yemejwe ku bwumvikane busesuye.

II. GUSUZUMA NO KWEMEZA INGENGO Y'IMARI IVUGURUYE Y'AKARERE KA NYAMAGABE Y'UMWAKA WA 2014-2015.

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere bibukije Abajyanama ko ingengo y'imari y'umwaka wa 2014-2015 yemejwe n'Inama Njyanama muri Kamena 2014 yanganaga na Miliyari cumi n'ebyiri, Miliyoni magana ane na mirongo itanu n'enye, ibihumbi magana ane na mirongo itandatu na birindwi na magana arindwi na mirongo ine na rimwe (12,454,467,741 rwf). Komite Nyobozi yakomeje imenyesha ko mu kuyivugurura hiyongereyeho amafaranga angana na Miliyoni magana abiri na mirongo icyenda n'ibihumbi ijana na mirongo ine na bitandatu na magana arindwi na cumi na rimwe (290,146,711 rwf).

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere basobanuriye Abajyanama ibyateye impinduka ku ngengo y'imari bikurikira:

- "Earmarked transfer" yiyongereyeho amafaranga y'imishahara y'abarimu, imishahara y'abaganga n'abaforomo, "capitation grants" n'aya "school feeding" ari byo byatumye ayo mafaranga ava kuri Miliyari zirindwi na Miliyoni magana inani na mirongo itandatu n'eshatu n'Ibihumbi magana cyenda na mirongo itandatu na bitandatu na Magana atandatu na cumi n'icyenda (7,863,966,619 frw) akagera kuri Miliyari zirindwi na Miliyoni magana cyenda na mirongo itandatu n'icyenda n'Ibihumbi ijana n'umunani na Magana atatu na mirongo itanu na rimwe y'amafaranga y'u Rwanda (7,969,108,351frw)
- "Own revenues" yiyongereyeho amafaranga ya "openning bank balances" nyuma yo kubona ko harimo amafaranga yo kubakira abatishoboye ya FARG n'aya "Lorry park" yasigaye ku ngengo y'imari y'umwaka wa 2013-2014 agomba kwishyurwa mu mwaka wa 2014-2015; akaba yaravuye kuri Miliyari imwe na Miliyoni magana abiri na mirongo ine na zirindwi n'Ibihumbi magana abiri na mirongo irindwi na bibiri na Magana inani na mirongo itandatu n'icyenda (1,247,272,869 frw) akagera kuri Miliyari imwe na Miliyoni magana atatu na zirindwi n'Ibihumbi magana ane na mirongo itandatu na bine na Magana arindwi na mirongo ine n'abiri (1,307,464,742 frw).
- "Transfers from GOR Agencies" yiyongereyeho amafaranga angana na Miliyoni ijana na makumyabiri n'enye n'Ibihumbi magana inani na cumi na bitatu n'ijana n'atandatu (124,813,106 frw) yo kubaka ibyumba by'amashuri bisimbura ibishaje, harimo aya PAM

n'ay'umushinga wa LVEMPII/REMA, LODA na RDB ari byo byatumye ava kuri Miliyoni magana atatu na mirongo ine n'umunani n'Ibihumbi magana atanu na mirongo itatu n'icyenda na magana inani na cumi na rimwe (348,539,811 frw), akagera kuri Miliyoni magana ane na mirongo irindwi n'eshatu n'Ibihumbi magana atatu na mirongo itanu na bibiri na Magana cyenda na cumi n'arindwi (473,352,917 frw).

Mu rwego rwo gusobanukirwa neza n'impinduka zabaye ku ngengo y'imari yari yaremejwe n'Inama Njyanama, Abajyanama batanze ibitekerezo banabaza ibibazo ku buryo bukurikira:

- Biragaragara ko hari amafaranga menshi yashyizwe mu bikorwa byo kubaka ibyumba by'amashuri bisimbura ibishaje, murateganya iki ku byerekeranye no kwishyura umwenda w'ibirarane by'amafaranga akomoka ku mashuri yubatswe mu myaka yabanje ndetse no kwishyura ibirarane bya mission z'abakozi?
  Abaturage bandi baberewemo umwenda, harimo n'abagombaga gukorerwa exploriation bo bateganyirizwa iki?
- Raporo ntigaragaza aho ingengo y'imari igeze ishyirwa mu bikorwa, ni ukubera iki?
- Hatanzwe igitekerezo ko ingengo y'imari izajya ibanza gusuzumwa na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu mbere yo kuyishyikiriza Inama Njyanama .

Komite Nyobozi y'Akarere yatanze ibisubizo bikurikira:

- Ku byerekeranye no kwishyura ibirarane bikomoka ku mashuri yubatswe mbere, basubije ko ibirarane byabaruwe mbere byamaze kwishyurwa ariko ko habayeho ikindi gikorwa cyo kubarura imyenda yaba yarasigaye mu Mirenge kugira ngo nayo izishyurwe; ibirarane by'amafaranga ya "mission" z'abakozi nabyo hazabaho kubikurikirana bikazashyirwa mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2015-2016.
- Kuba hatagaragara aho ingengo y'imari igeze ishyirwa mu bikorwa byatewe n'uko bitari byateguwe kuko isuzumwa rimwe mu gihembwe ariko ubutaha bizajya bigendana no kwemeza ingengo y'imari.
- Abaturage bandi baberewemo umwenda harimo n'abagombaga gukorerwa "expropriation" nabo batekerejweho; hatanzwe isoko ry'igenagaciro ku buryo nyuma yo kugena agaciro k'ibyo umuturage asaba na nyuma yo kubyumvikanaho hazajya hakurikiraho kumwishyura.

Abajyanama bamaze gusobanukirwa n'impinduka zabaye ku ngengo y'imari, bashingiye kandi ku biteganywa n'amategeko bemeje ku bwumvikane busesuye ingengo y'imari y'Akarere ka Nyamagabe ivuguruye y'umwaka wa 2014-2015 ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyari cumi n'ebyiri, Miliyoni Magana arindwi na mirongo ine n'enye n'Ibihumbi magana atandatu na cumi na bine na Magana ane na mirongo itanu n'abiri (12,744,614,452 frw).

III. KWEMEZA IMBONERAHAMWE NSHYA Y'IMYANYA Y'IMIRIMO NO KWEMEZA ABAKOZI B'AKARERE KA NYAMAGABE

Kuri iyi ngingo, abagize Komite Nyobozi y'Akarere bahawe ijambo bageza ku Bajyanama ibikubiye mu mbonerahamwe nshya y'imyanya y'imirimo mu buryo bukurikira:

Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo yakoreshwaga ku va mu mwaka wa 2010, yateganyaga abakozi 44 ku rwego rw'Akarere, habariwemo n'Abayobozi batorwa (Elective Mandate), ku rwego rw'Umurenge bari abakozi 11 , ku rwego rw'Akagari ari abakozi 2; mu mbonerahamwe yavuguruwe mu mwaka wa 2014, iteganya ko ku rwego rw'Akarere haziyongeraho abakozi 41, ku rwego rw'Umurenge haziyongeraho abakozi 4 n'aho ku rwego rw'Akagari ho bazaguma ari 2 . Abakozi bose hamwe bateganywa gukorera ku Karere bangana na 85 habariwemo n'Abayobozi batorwa.

Abagize Komite Nyobozi kandi babagejejeho ko mu mbonerahamwe yari isanzwe ku rwego rw'Akarere hagombaga kuba hari abakozi 44 ariko hakaba hari ababuraga, hakaba hari abakozi 41 kandi bose bakaba barabonewe imyanya mu mbonerahamwe nshya y'imyanya y'imirimo.

- Imyanya mishya yongewe mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ku rwego rw'Akarere ingana na 41 ariyo igaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

URWEGO	UMWANYA MUSHYA	UMUBARE W'ABAKOZI BAKENEWE KU MWANYA	IGITERANYO CY'ABAKOZI BAKENEWE
Akarere	District Council Affairs Specialiste	1	1
	Advisor to the Executive Committee	1	1
	Division Manager	1	1
	Head of Central Secretariat	1	1
	Secretary to Finance Unit	1	1
	Planning, M&E Officer	1	1
	Receptionist	1	1
	Billing Officer	1	1
	Archivist of OSC	1	1
	One Stop Center lawyer	1	1

Road Development and Maintenance Engineer	1	1
Water and Sanitation Officer	1	1
IT/MIS Officer of OSC	1	1
Electricity Maintenance Officer	1	1
Building Inspector	1	1
Land Administrator	1	1
Cnstructing Permitting Officer	2	2
Director of Business Development and Employment	1	1
Start-up Development Officer	1	1
Investment Promotion and Financial Services Officer	1	1
Employment Promotion Officer	1	1
Director of Agriculture and Natural Resources	1	1
Irrigation Officer	1	1
Cash Cop Officer	1	1
Director of Good Governance	1	1
Itorero Coordination and Community mobilisation	1	1
JDAF Officer	1	1
Director of Social Development	1	1
Disability Mainstreaming Officer	1	1

	Disaster Management Office	1	1
	Director of Health	1	1
	Hygiene and Sanitation Officer	1	1
	Community Base Health Insurance Officer	1	1
	Director of Education	1	1
	Secondary and TVT Education Officer	1	1
	Nursery, Primary Education and adult literacy Officer	1	1
	School construction Engineer	1	1
	Head of Central Secretariat	1	1
S/ TOTAL		**41**	**41**

- Imyanya mishya yongewe mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ku rwego rw'Umurenge ni 4 kuri buri Murenge; wakuba n'umubare w'Imirenge 17 ikaba 68.
- Imyanya yiyongereye kuri buri Murenge ni iyi ikurikira:

- Finance and Administrative Officer
- Good Governance and Specific Program Officer
- Data Management Officer
- Health and sanitation Officer

- Imyanya yahinduriwe inyito ni 7 igaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

INYITO Y'UMWANYA USANZWE	INYITO NSHYA Y'UMWANYA
Cooperative and Business Promotion	SMES&Cooperative Development Officer
Infrastructures Development & Maintenance	District Infrastructure Property Management
Health	Health Promotion and Disease prevention Officer
Secretary to the District Council	Constituency Affairs Officer
ICT/MIS	System and Network Administrator
Customer Care	Public Relations, Media and Communication Officer
Administrative Assistant to the Executive Secretary	Administrative Liaison Officer

- Imyanya yakuwe mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ni 1 ari wo "Settlement and urban planning"
- Imyanya yagabanyijwe mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ni 1 wo muri "Good Governance"
- Imyanya yagabanijwemo amashami ni 2.

UMWANYA USANZWE	AMASHAMI YAGABANYIJWEMO
Education	- Secondary and TVT education Officer - Nursery, Primary Education and Adult literacy Officer
Environment & Water	- Environmental Management Officer - Water and Sanitation Officer

Ku rwego rw'Umurenge hari hasanzwe hateganyijwe abakozi 11 baziyongeraho 4 bose hamwe babe 15.

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo ku bikubiye mu mbonerahamwe nshya y'imyanya y'imirimo, bayemeje ku bwumvikane busesuye .

Ku byerekeranye n'igice k'iyi ngingo cyerekeranye no kwemeza abakozi; Komite Nyobozi yasobanuriye Abajyanama ko abakozi bemezwa n'Inama Njyanama ari : "Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere n'Abagenzuzi bwite b'Akarere nk'uko ingingo ya 56 y'Itegeko n^{0} 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage isobanura ibyerekeranye no gushyira abakozi mu myanya, kubahagarika by'agateganyo no kubasezerera burundu; iyo ngingo ikaba ivuga ko abandi bakozi bashyirwa mu myanya, bagahagarikwa by'agateganyo kandi bagasezererwa burundu mu kazi na Komite Nyobozi y'Akarere uretse Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'Abagenzuzi bwite bemezwa kandi bagakurwaho n'Inama Njyanama hakurikijwe amategeko agenga abakozi ba Leta.

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo cyane cyane ku mikorere n'imyitwarire y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere n'Abagenzuzi bwite b'Akarere ; Abajyanama bemeje ku bwumvikane busesuye Bwana NSHIMIYIMANA Jean Pierre mu mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere na Madamu UWITUZE Solange Claudette ndetse na Bwana NTIDENDEREZA Christian mu myanya y'Ubugenzuzi bwite bw'Akarere.

Inama yatangiye imirimo yayo saa munani z'amanywa (14h00) iyisoza saa kumi n'ebyiri n'iminota mirongo itatu (18h30).

Umwanditsi w'inama

AYINKAMIYE Donatille

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

y'Akarere ka Nyamagabe

Umuyobozi w'inama

ZINARIZIMA Diogène

Umuyobozi w'Inama Njyanama

y'Akarere ka Nyamagabe